NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

Kigali, ku wa .01.. /08/2023
No: ...817...../NESA/2023

**Bwana /Madamu Muyobozi w'Akarere (Bose)**

Bwana/Madamu Muyobozi,

**<u>Impamvu</u>:** Gutumira mu nama ijyanye no gushyira abanyeshuri mu myanya mu mwaka wa 2023-2024

Minisiteri y'Uburezi ibinyujije mu Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) yashyizeho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo gucunga ibikorwa byose bigendanye n'ibizamini bya Leta binyuze muri SDMS kuva umunyeshuri yiyandikishirije gukora ibizamini kugeza ku itangazwa ry'amanota ndetse n'ishyirwa mu myanya ku banyeshuri bajya mu mwaka wa mbere (S1) n'uwa kane (S4) w'amashuri yisumbuye.

Kubera iyo mpamvu, NESA yateganyije inama y'Abayobozi b'amashuri yisumbuye y'inyigisho rusange, ay'imyuga n'ubumenyingiro, yaba aya Leta, ayigenga n'afashwa na Leta ku bw'amasezerano yoherezwamo abanyeshuri. Iyo nama ikazabera ku Karere ku itariki ya 6 Nzeri 2023 guhera saa mbiri za mu gitondo (8h00).

Bityo rero, nabasabaga ko mwatumira Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere, Abayobozi bungirije b'Akarere, abayobozi b'ibigo by'amashuri byose byavuzwe harugru, DDE, DEOs, SEOs, kugira ngo bazasobanurirwe uburyo abanyeshuri bajya mu mwaka wa mbere n'uwa kane w'amashuri yisumbuye bashyirwa mu myanya binyuze muri SDMS, ndetse hunguranwe ibitekerezo ku ruhare rw'abayobozi b'amashuri muri iki gikorwa.

Mbashimiye imikoranire myiza mudahwema kutugaragariza.

Mugire amahoro.

**Dr. BAHATI Bernard**
**Umuyobozi Mukuru**

**Bimenyeshejwe:**
- Minisitiri w'Uburezi
- Umunyamabanga wa Leta muri Ministeri y'Uburezi
- Umunyamabanga Uhoraho muri Ministeri y'Uburezi

National Examination and School Inspection Authority
P.O. BOX 1382 Kigali, Rwanda
Toll Free No.: 9070
info@nesa.gov.rw
www.nesa.gov.rw